


NKUNDA ICYATSI KIBISI

Amashuri y'inshuke



Inkuru yanditswe inashushanywa na SAFARI Frederick

NKUNDA ICYATSI KIBISI

Amashuri y'inshuke



Inkuru yanditswe inashushanywa na SAFARI Frederick

©School Books Distributors 2020


Abantu bose bahawe uburenganzira bukurikira kuri iki gitabo: kugisoma yaba mu buryo bw'ikorabuhanga cyangwa ku mpapuro, kugikura kuri murandasi, kugifotoza cyangwa kugicapisha mu mpapuro, kugiherekanya yaba ku mpapuro cyangwa ku mbuga z'ikorabuhanga (iziriho cyangwa izizavumburwa nyuma) no kugihindura mu ndimi izo ari zo zose. Abagikoresha ntibemerewe kugicuruza cyangwa kukibiyazamo amafaranga mu buryo ubwo ari bwo bwose, batabiherewe uburenganzira mu nyandiko n'abagitangaje.

www.sdbbooks.rw

ISBN: 978-99977-59-75-7



School Books Distributors




Nitwa Tina, inshuti zange zitwa
Gasore, Nana, Popo na Fifi.



Umunsi umwe, turi mu rugo mama yatubajije amabara y'ibikoresho dufite mu rugo.




Mama azana ikarito atereka ku meza.



Mama yadusabye kuja ku murongo dupfutse amaso.



Buri wese yafashe agacupa
kamwe gafite ibara ryihariye.



Nafashe ubururu, Gasore afata
umutuku, Nana afata umuhondo,
Popo afata umukara naho Fifi afata
umweru.



Nafashe icupa ry'ubururu
negerana na Nana ufite icupa
ry'umuhondo.



Gasore yafashe icupa ry'umutuku
yegerana na Popo ufite icupa
ry'umukara. Iruhande hari Fifi afite
icupa ry'umweru.




Twese twazamuriye rimwe amacupa yacu. Buri wese yavuze ibara ry'icupa afite.




Twazengurutse ameza ariho
uburoso, akadobo k'amazi,
impapuro n'ibindi.



Mama yafashe irange ry'umutuku arishyira ku rupapuro, avanga n'umuhondo tubona ibara rya **ORANJE**.



Abwira Gasore na we ashya ku
rupapuro ubururu yongeraho umutuku,
avanze abona ibara ry'IDOMA.



Nange navanze umuhondo
n'ubururu mbona havuyemo
ICYATSI KIBISI, ndishima cyane.



Ni yo mpamvu nkunda kwambara icyatsi kibisi. Ubusitani bwacu na bwo busa n'icyatsi kibisi.

Aka gatabo kavuga inkuru y'abana bamenye
gukora amabara atandukanye.
Soma wiyumvire uko babigenza.

